**URUBANZA RP 00181/2016/TB/NYGE RWACIWE N'URUKIKO RW'IBANZE RWA NYARUGENGE KU WA 04/11/2016 (UBUSHINJACYAHA Vs BISANGWABAGABO STANISLAS & SHIFRORA BUSINESS Ltd)**

## I. INTANDARO Y'URUBANZA

Muri uru rubanza, ubushinjacyaha bwarezemo BISANGWABAGABO STANISLAS na sosiyete ye ahagarariye yitwa SHIFRORA BUSINESS Ltd, bashinjwa icyaha cyo kunyereza umusoro hakoreshejwe inyandiko mpimbano, icyaha gihanwa n'ingingo ya 369 al. 2 y'Itegeko-Ngenga n° 01/2012 ryo ku wa 2/5/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana; n'icyaha cyo kuba ikitso mu cyaha cyo kunyereza umusoro hakoreshejwe inyandiko mpimbano, biteganywa kandi bigahanishwa ingingo ya 98 n'iya 369 al.2 z'Itegeko-Ngenga n° 01/2012 ryavuzwe haruguru.

Kuri BISANGWABAGABO STANISLAS Ubushinjacyaha buvuga ko ku myaka ya 2014 na 2015 yanyereje umusoro akoresheje fagitire z'impimbano, akajya agaragaza ko yaranguye ibicuruzwa muri "companies" zidakora arizo SUPER DÉCOR Ltd, BEF & DECUJUS GROUP Ltd, M&A SUPPLIES COMPANY Ltd na VITE BUSINESS Ltd. Izo fagitire akaba yaragiye azikoresha agaragaza ko hari umusoro ku nyongeragaciro (TVA) sosiyete ahagarariye ya SHIFRORA BUSINESS Ltd yatanze ku kiranguzo kandi ntawo yatanze kuko atigeze arangura. Ubushinjacyaha bwasobanuye ko hifashishijwe izi fagitire hanyerejwe umusoro ungana na 93,050,848 Frw mu kwezi kwa 11/2014 n'ukwa 2/2015; ungana na 48,147,438 Frw ku kwezi kwa 8/2015; n'ungana na 86,392,602 Frw ku kwezi kwa 5/2015.

Ubushijacyaha kandi bwasobanuye ko BISANGWABAGABO yagiye atanga fagitire z'impimbano akaziha "companies" zitandukanye zigaragaza ko zaranguye ibicuruzwa muri SHIFRORA BUSINESS Ltd kandi bitarabayeho, bityo izo "companies" zifashisha izo nyemezabuguzi zinyereza umusoro ungana na 346,849,533 Frw.

BISANGWABAGABO yisobanuye avuga ko arengana ko nta musoro yanyereje. Avuga kandi ko ubushinjacyaha butari bukwiye

kumushinja ko yanyereje umusoro ngo kuko nta genzura (*audit*) yigeze akorerwa ngo bityo hagaragazwe umusoro yaba yaranyereje.

Avuga kandi ko ashinjwa kuba yaranyereje umusoro ubundi agashinjwa ko yabaye icyitso mu kunyereza umusoro hakoreshejwe inyandiko mpimbano kandi kimwe ari *inverse* y'ikindi, ko ubushinjacyaha bwagombye kugaragaza ibyo uregwa yakoze n'ibyo atakoze kuko hamwe buvuga ko nta musoro yakiriye ndetse ko nta n'uwo yatanze kuko ntacyo yaranguye. Yongeraho ko mu busanzwe umusoreshwa abanza kumenyeshwa ko azagenzurwa nyuma ibivuye mu igenzura akagira icyo abivugaho, ko rero batagombye kuba bari kuburana ibi kandi uregwa umusoro ataramaze kwemezwa n'Urukiko rw'Ubucuruzi ko yawunyereje koko.

## II. UMWANZURO W'URUKIKO

Urukiko rushingiye ku ngingo ya 3 n'iya 108 z'itegeko no 15/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, rwasanze hari ibimenyetso simusiga bigaragaza ko SHIFRORA BUSINESS Ltd yanyereje umusoro kuko yamenyekanishaga umusoro wa TVA yishyuwe ku kiranguzo kandi itarigeze irangura; bityo ruhamya icyaha cyo kunyereza umusoro BISANGWABAGABO Stanislas kuko ari we wari uyihagarariye kandi akaba yiyemerera ko ari we wakoraga ibikorwa byose by'iyo sosiyete bijyanye n'imenyekanishamusoro.

Ku bijyanye n'ibivugwa n'uregwa ko aramutse amenyeshejwe umusoro yawishyura, kandi icyaha aregwa ari ukunyereza umusoro hakoreshejwe inyandiko mpimbano, Urukiko rwemeje ko biruha kubona ko azi ko hari icyaha yakoze

Kuba systems z'ikoranabuhanga za RRA arizo Data warehouse and business Intelligence Software, Sigtas, e-tax and EBM zifashishwa mu kureba inyerezwa ry'imisoro zigaragaza ko SHIFRORA BUSINESS Ltd inyereza imisoro kuko imenyekanisha umusoro itararanguye byumvikane ko iba itanacuruje, kuba kandi mu iperereza ryakozwe haragaragaye ko muri companies zicuruza factures z'impimbano harimo n'iya BISANGWABAGABO Stanislas, ko ibi biha Urukiko icyerekezo gihamya kandi rukanabifataho ibimenyetso bifite ireme bishinja icyaha BISANGWABAGABO Stanislas, bityo rukabona ko

icyaha cyo kunyereza umusoro hakoreshejwe inyandiko mpimbano uregwa yagikoze.

Ku bijyanye no kumenya niba hari ibimenyetso ko BISANGWABAGABO Stanislas yabaye ikitso mu cyaha cyo kunyereza umusoro hakoreshejwe inyandiko mpimbano, Urukiko rwasanze kuba ubushinjacyaha buvuga ko BISANGWABAGABO anaregwa kuba icyitso mu cyaha cyo kunyereza umusoro hakoreshejwe inyandiko mpimbano, butabasha gusobanura neza mu mvugo no mu bimenyetso uko BISANGWABAGABO Stanislas yabaye icyitso ngo banabitangire ibimenyetso bihuye n'iyi nyito, maze rushingiye ku ngingo ya 165 y'itegeko no 30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ko gushidikanya birengera ushinjwa. Iyo urubanza rwakurikiranywe mu buryo bwose, ntihagire ibimenyetso nyakuri biboneka byemeza nta shiti abacamanza ko ushinjwa yakoze icyaha koko, bagomba kwemeza ko atsinze, rwemeje ko nta bimenyetso bihamye byatuma hemezwa nta shiti ko uregwa yabaye ikitso kandi ko ugushidikanya uko ariko kose birengera ushinjwa, bityo rwemeza kandi rutegeka ko uregwa agizwe umwere kuri iki cyaha.

Kubera iyo mpamvu, ku cyaha cyo kunyereza umusoro, urukiko rwahanishije BISANGWABAGABO Stanislas igihano cy'igifungo kingana n'umwaka umwe (1) no kwishyura ihazabu ingana n'amafaranga 227,590,888 Frw ahwanye n'umusoro yanyereje.

Urukiko rwahamije kandi SHIFRORA BUSINESS Ltd icyaha cyo kunyereza umusoro hifashishijwe inyandikompimbano, maze rutegeka ko yirukanwa mu masoko ya Leta mu gihe cy'imyaka ibiri (2).

Ku bijyanye no kumenya niba SHIFRORA BUSINESS Ltd yaryozwa icyaha cyo kunyereza umusoro, urukiko rwasanze BISANGWABAGABO Stanislas ari umuyobozi wihariye ububasha (ububasha bwo guhagararira, gufatira ibyemezo no kugenzura SHIFRORA BUSINESS Ltd buvugwa mu ngingo ya 33 y'itegeko ngenga no 01/2012 ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, bityo rwemeza ko SHIFRORA Ltd yakoze icyaha cyo kunyereza umusoro hakoreshejwe inyandiko mpimbano nk'igihama BISANGWABAGABO Stanislas, bityo rutegeko ko SHIFRORA Ltd yirukanwa mu masoko ya Leta mu gihe kingana n'imyaka ibiri (2).